



# Tube umuryango utumanaho

Igitabo cy'amahugurwa y'ikoreshwa rya interineti kuri telefoni

Imfashanyigisho yo guhugura abantu ku gukoresha interineti kuri telefoni mu Rwanda



Isomo

Google

rya 4:  
e



# Ihugwu


# Riram



irwa  
buye


## Intego z'isomo

- Gufasha abahugurwa kumenya uko Google ikoresheya mu kugera ku makuru atandukanye kuri interineti.
- Gufasha abahugurwa kumva urusobe rw'amakuru aboneka kuri Google no gutuma bagira amatsiko n'ubushake bwo kugera ku makuru bashaka kuri interineti.




**Igihe rimara:**  
**Iminota 45-60**

## Ibikoresho uzakenera




Amakaramu,  
impapuro, n'impapuro  
zimata



Telefoni zo mu bwoko  
bwa smartphone




Ibihembo byoroheje



Igishushanyo  
cyerekana Google




Impapuro zo gutanga  
ziriho ibisobanuro



Igishushanyo  
cy'ibiciro



Inama zerekeye  
kwirinda



Impapuro zikase ifite  
ishusho y'ibimenyetso  
byo muri telefoni

## Sobanura Google



### Ereka abahugurwa ikimenyetso cya Google ubasabe gushakisha aho kiri kuri telefoni.

**Baza** “Hari uwaba uzi icyo aricyo?” “Gikora iki?”

### Sobanura Google mu magambo make

- “Ishakiro rya Google rigufasha kubona amakuru ushaka. Umenyesha Google icyo ushaka kubona (Urugero “umubare w’abaturage b’u Rwanda) maze igashakisha mu byo abantu baba barashyize kuri interineti kugirango ibone ibyo wayisabye”.
- “Ushobora kubona amakuru yerekeye ahantu, akazi, guteka, amafilime, indirimbo, amakuru, ibyerekeye amashuri, kaminuza, ibizamini n’ibindi.”

**Ibuka** guhuza ibiganiro n’ibikorwa by’ihugurwa n’icyo interineti yabafasha cyangwa yabamarira mu buzima bwabo. Ibi bituma ihugurwa ribagirira akamaro bakanarushaho kurikunda.

### Shyira ahagaragara ibyiza bya Google!

**Tanga ubuhamya** bw’uko Google yagufashije (wowe uhugura) cyangwa yafashije inshuti n’umuryango wawe. Ingero:

- Kubona amakuru yerekeye ahantu, akazi, guteka, amafilime, indirimbo, amakuru, ibyerekeye amashuri, kaminuza, ibizamini n’ibindi.”
- Tanga ingero zifatika cyangwa inkuru z’uko Google ishobora gukoreshwa.

### Huza Google n’ubuzima bw’abo uhugura

Ganira n’abahugurwa ku cyo Google yabamarira mu buzima bwabo:


- **Baza** “Ni iki wumva wakoresha Google mu buzima bwawe?” maze ubahe ingero uhereye ku buzima bwabo.
- **Baza:** Ni iki wumva ufiteye ubushake n’amatsiko yo kwiga kuri Google?”

## Igikorwa: Ikoreshwa ry'ibanze rya Google



### Shyira mu ngiro!

**Sobanura:** “Ubu mugiyeye kugerageza gukoresha Google kuri telefoni.”



### Erekana igishushanyo cyerekana uko bakoresha Google

- **Sobanura:** “Iki gishushanyo cyerekana intambwe zo gukoresha Google mu kugera ku makuru atandukanye”
- Fasha abahugurwa kunyura mu ntambwe zose kuri telefoni zabo, maze bashakisha ijambo ‘U Rwanda’.




### Erekana utudirishya twa Google

(‘all’, ‘images’, ‘videos’ na ‘maps’)

- **Sobanura** “Iki gishushanyo cyerekana intambwe zo gukoresha Google mu gushakisha amakuru”
- **Saba** abahugurwa gukanda ku tudirishya dutandukanye kuri telefoni nibarangiza bakubwire ibisubizo bari kubona bamaze gushakisha ijambo ‘Rwanda’.

### Erekana paji y’ibisubizo ku kadirishya ka ‘all’


(‘all’, ‘images’, ‘videos’ na ‘maps’)



- **Sobanura** “Iyo ukanze ku tudirishya dutandukanye, Ishakiro rya Google rikwereka ibisubizo bitandukanye. Urugero: Nukanda ku kadirishya ka ‘images’ ugashakisha uzabona amafoto gusa”
- Saba abahugurwa gukanda ku tudirishya dutandukanye kuri telefoni, noneho bakubwire ibisubizo bari kubona bamaze gushakisha ijambo ‘U Rwanda’.
- **Amagambo y’ubururu** aiyana kuri buri rubuga, nuyakandaho uragera ku rubuga.
- **Amagambo y’icyatsi** ni aderesi ya buri rubuga- aho ruherereye kuri interineti.
- **Amagambo y’umukara** ni incamake y’ibiri ku rubuga”



## Igikorwa: Ikoreshwa ry'ibanze rya Google



### Zamura ikimenyetso cya mikoro ya Google

- **Sobanura** “Mikoro ikoreshwa igihe utifuza gushakisha wandika. Iyo utazi uko icyo ushaka kuri Google cyandikwa, ushobora kukibwira Google ukoreshejwe ijwi”
- **Erekana** aho wayisanga: “Kanda aho bashakisha, urahita ubona mikoro iburyo”
- **Erekana** uko bikorwa: “Kanda ikimenyetso cya mikoro uvuge cyane, mu ijwi ryumvikana kandi witonze”
- **Saba** abahugurwa gushakisha ‘Paul Kagame’ bakoresheje mikoro.

### Saba abahugurwa kwitoza gushakisha amakuru bakoresheje amagambo akurikira:

1. Jya ahagenewe gushakisha wandike izina ry’umunyarwanda uzwi (Urugero: Paul Kagame, Cecile Kayirebwa).
2. Andika izina ry’ahantu hazwi cyane maze urishakishe (Urugero: ‘Gare ya Nyabugogo’)
3. Ha abahugurwa ijambo rimwe rifitanye isano n’ubuzima bwabo maze baryandike ahagenewe gushakisha (urugero: ‘igare’, ‘iduka’, ‘guteka’, ‘akazi’, ‘guhinga’, ‘kudoda’) maze ubafashe kureba ibisubizo.



**WIKIPEDIA**  
The Free Encyclopedia

**Wikipedia** ni urubuga akenshi ruza mu za mbere iyo ushakashije ikintu muri Google. Urwo rubuga rutanga amakuru ku bintu byinshi bitandukanye. Wikipedia yandikwa n’abantu bayikoresha, kandi ikorerwaho ibihumbi by’impinduka buri saha. Amakuru itanga ni ingirakamaro, ariko uba ugomba kuyasuzuma, kuko utamenya uwayanditse.

### **Igikorwa: Gushakisha ukoresheje amagambo menshi**

**Sobanura:** “Tugiye kugerageza gushakisha dukoresheje amagambo menshi- Ibi bishobora kugufasha kubona amakuru ushaka ku buryo bworoshye”

**Saba** abahugurwa kwitoza uko bashakisha amakuru bandika amagambo abiri cyangwa atatu mu mwanya ugenewe gushakisha kuri Google. Bashobora kubikora bandika cyangwa bavugira muri mikoro. Bwira abahugurwa amagambo atandukanye bakoreshe, uhereye ku byo bashakishije kare.

Urugero:

- “kinyawanda”, “guteka”, “umuco”
- “akazi”, “Kigali”, “itangazo”.

**Inama:** Genera abahugurwa umwanya uhagije barebe mu bisubizo byinshi by’ibyo bashakishije, banakoreshe amagambo menshi mu gushakisha.

### **Igikorwa: Ishakisha bwite**

- **Ganira n’abahugurwa uko Google yabafasha mu buzima bwabo.**
- **Baza** uti “None ubu ko muzi gukoresha Google, murifuza kuyikoresha iki mu buzima bwanyu?” Bahe ingero uhereye ku bijyanye n’ubuzima babamo.
- **Ganira** n’abahugurwa ku magambo bashobora gukoresha bashakisha bahereye ku byo babamo ( ukoreshe gusa ijamba rimwe cyangwa abiri)
- **Saba** abahugurwa kwakuranwa gukoresha telefoni bashakisha amakuru bifuza, unasabe bagenzi babo kubafasha.
- **Baza** “Ni ayahe makuru wifuza gushaka nyuma y’aya?”

**Inama:** “Kuri interineti habaho amakuru menshi meza, ariko hakabaho n’andi atari meza, ndetse amwe ntaba ari ay’ukuri. Ni byiza kureba nibura ibisubizo bibiri cyangwa bitatu kugirango ugere ku gisubizo cyiza cy’icyo ushakisha”.



## Umutekano

**Baza** “Iyo bavuze umutekano wumva iki?”

**Baza abahugurwa gutekereza igihe baba bari ahantu hahurirwa n’abantu benshi** nko mu isoko. Basabe kuganira ku cyo bakora kugirango batekane ahantu nk’aho. Ifashishe ingero n’ibisubizo bukurikira:

Ingero	Ibisubizo
Ubigenza ute iyo umuntu utazi akubujije amahoro?	Uramwirinda cyangwa ukamwirengagiza. Itonde- Hari igihe atakubwiza ukuri kw’uwo ari we
Ubigenza ute iyo umuntu utazi cyangwa utizera agusabye amakuru bwite yawe?	Ntugahere amakuru bwite umuntu utazi cyangwa utizera kuko ashobora kuyakoresha mu buryo budakwiye
Ubigenza ute iyo ugize amakenga biturutse ku kintu wabonye cyangwa cyakubayeho?	Bibwire umuntu uzi kandi wizeye
Abo muganira ubafata ute?	Ubereka ikinyabupfura n’icyubahiro

**Sobanura:** “Ugomba kwibuka ko interineti ari ahantu hahurirwa n’abantu benshi, niyo mpamvu ari ngombwa kwitwararika no guharanira kuguma mu mutekano”



## Umutekano



**Hereza** abahugurwa urupapuro ruriho inama zerekeye umutekano

- **Ganira** n'abahugurwa ku cyo izo nama zivuze mu mikoreshereze ya interineti
- **Shimangira izo nama** ukoresheje ingero zihuye n'ubuzima bw'abahugurwa. Urugero: Abari n'abategarugori bashobora kuba bifuza kumenya uko bakwirinda ihohoterwa.

### Umutekano kuri Google

- **Baza** “Haba hari impungenge mufite ku ikoreshwa rya Google?”
- **Baza** “Wakora iki igihe uri kureba amakuru kuri Google ukabona amwe ukeka ko ari mabi cyangwa adakwiye?”
- **Basobanurire** kandi ubereke ugira uti: “Ushobora gukanda ku kimenyetso cyo gusubira inyuma, ugasiba amagambo ari ahagenewe gushakisha maze ugashakisha amakuru ukoresheje andi magambo”
- **Sobanura:** “Uko ukomeza gukoresha Ishakiro rya Google niko ugenda wubaka 'amateka y'ishakisha' agenda yibukwa na Google kuri telefoni yawe. Ushobora kureba amateka y'ishakisha ukanda aho bashakishiriza. Ayo mateka ushobora kuyahanagura igihe ubishatse”.


**Inama:** “Ni wowe ubwawe ugena ibyo ushakisha- Ushobora gushakisha ibintu byiza cyangwa ibibi. Gushakisha ibyiza ni amahitamo yawe”.



## ₹ Ikiguzi

**Niba wavuze kuri iyi ngingo mu masomo yabanje ya WhatsApp na YouTube, koresha ibikurikira nk'incamake.**

**Sobanura** “Ubu noneho ubwo muzi gukoresha Google, n'icyo ishobora gukoreshwa, reka tuvuge ku kiguzi cyo kuyikoresha! Kugirango ukoreshe interineti kuri telefoni yawe, usabwa kugura ama inite ya murandasi ku isosiyete yawe y'itumanaho, nk'uko ubigenza iyo ugura ayo guhamagara.”



### Erekana urupapuro rw'ikiguzi

- **Sobanura** “Ibikorera kuri interineti bikoresha ingano itandukanye y’ama inite ya murandasi. Gusoma amagambo bitwara inite nke, kureba amafoto bitwara izirenzeho, gukina no gukura kuri interineti umuziki, udufoto n’indirimbo bigatwara nyinshi, naho kureba no gukura amashusho kuri interineti bigatwara nyinshi kurushaho”.
- **Sobanura:** Ibikorera kuri serivisi zimwe na zimwe bitwara inite nyinshi za murandasi.
- **Baza** “Google iri he kuri uru rupapuro? “Aho iri byerekana iki ku kiguzi cyayo?”
- **Baza** “Ni iki gishobora gutuma ihenda?” Igisubizo: “Amashusho”.
- **Baza** “Ni iki gishobora gutuma ihenduka?” **Igisubizo:** “Amagambo yanditse”.

## ₹ Ikiguzi


### Kureba inite

- **Baza:** “Kuki ari ngombwa kureba ingano ya inite wakoresha?” **Igisubizo** “Kugirango ubashe kumenya ama inite umaze gukoresha no kumenya ayo ibikorwa bitandukanye bitwara”
- **Sobanura:** “Ushobora kureba ingano ya inite ufite wandika kode muri telefoni yawe nk’uko ureba umubare w’iminota cyangwa uw’ubutumwa bugufi usigaranye
- **Sobanura:** “Ushobora kugura ingano zitandukanye za inite bitewe n’icyo ugiye kuzikoresha. Gisha inama umucuruzi wa inite ku byerekeye inite zigukwiye”.
- **Sobanura:** “ Igihe uri mu gace kageramo murandasi ya Wi-Fi ntugakoreshe inite za murandasi waguze. Umucuruzi w’ibikorwa by’itumanaho ashobora kugufasha kumenya uduce turimo Wi-Fi. Gusa ushobora gusanga agace ka Wi-Fi kari kure yawe.
- **Ereka** abahugurwa uko bareba inite zisigaye

#### Inama:

Uburyo bwo kureba ingano ya inite usigaranye bugiye butandukanye bitewe n’igihugu urimo n’umurongo telefoni yawe ikoresha. Niba ushaka kumenya uko bareba ingano ya inite, baza umucuruzi w’ibikorwa bya telefoni ukwegereye.

### ↻ Kureba inite



#### Umukino w’ibimenyetso bya Google

- **Shyira ejuru** buri kirango cya Google,
- **Baza** “Iki ni iki? Kiba he kuri telefoni yawe?”
- **Sobanurira** abo uhugura icyo buri kirango ari cyo, niba bakeneye ubufasha
- **Baza** abahugurwa gushakisha aho Paul Kagame cyangwa Cecile Kayirebwa bavukiye.
- **Tanga ibihembo byoroheje** (Urugero: bombo) ku batanze ibisubizo by’ukuri kandi umanike ibimenyetso ku rukuta kugirango bifashe abahugurwa kubyibuka.

## Incamake

**Sobanura:** ko hari izindi serivisi zimeze nka Google zifasha abantu gushakisha amakuru. Zimwe muri zo ni nka Yahoo na Bing.

**Inama:** “Porogaramu na serivisi nyinshi zo kuri interineti zikoresha ibimenyetso n’amagambo bisa. Igihe ukoresha interineti, ujye wita kuri ibyo bimenyetso kugirango niwongera kubibona ujye wibuka icyo bivuze”.

### Incamake ku Ishakiro rya Google

- Ganira n’abo uhugura ku byo bungutse ku ikoreshwa rya Google
- “Waba ugifite impungenge ku gukoresha Google?”
- “Ni iki wifuza gukoresha Google mu buzima bwawe?”, “Ni iki wumva yagufasha mu kazi kawe?”
- “Ni iki wishimiye cyangwa ufitiye amatsiko yo kuzayikoresha?”

**Inama:** :  
Koresha iyi  
ncamake  
nk’umwitozo,  
maze utange  
ibihembo (nka  
bombo)  
ku bahugurwa  
basubiza neza.

**Inama:** Niba abahugurwa bashaka kujya kuri interineti na Google bakoresheje telefoni zabo bwite, bahe umwanya uhagije bitoze ibyo bize, unababe hafi.

## Incamake

---

### Intambwe ikurikiyeho


Niba ugeze ku musozo w'isomo ukaba ugifite igihe:

- **Baza** “Mwaba mufite ibindi bibazo ku byo twize muri iri somo?”
- **Baza** “Ni iki kindi wifuza kumenya kui ikoreshwa rya interineti kuri telefoni?”


Mu bumenyi buhambaye waganira n'abahugurwa, harimo:

- **Gusuzuma ibisubizo:** “Umenya ute urubuga uri buhitemo mu bisubizo bigaragara kuri paji yo gushakisha? Umenya ute niba igisubizo ari cyiza kurusha ikindi?”
- **Kumenya amatangazo yamamaza:** “Wamenya ute ibisubizo bya Google ari amatangazo yamamaza yishyuwe na ba nyirayo?, “Ni gute Google ikoresha amateka y'ishakisha ryawe mu kugena amatangazo yamamaza akugenewe?”
- **Google Maps:** “Ni gute iyi karita ikuyobora?”, “Gare ya Nyabugogo iri he?”
- **Gukura porogaramu mu iduka** ryabugenewe (aha byaba ngombwa ko uvuga kuri imeyili, kuko gukura porogaramu kuri interineti bisaba ko umuntu aba afite imeyili).





**Impapuro zicapye,  
ibishushanyo  
bikase n'impapuro  
z'amakuru**







UKO BAKORESHA

# Google




1




2




3





Salman Khan -  
Wikipedia, the free  
encyclopedia





# CERTIFICATE

---

Has completed  
**BASIC MOBILE INTERNET SKILLS**  
training




---

Date

---

Signed



# CERTIFICATE

---

Has completed  
**BASIC MOBILE INTERNET SKILLS**  
training



---

Date

---

Signed